**REPUBULIKAY'U RWANDA**

**INTEKO Y'UMUCO**

# ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU

## KWIZIHIZA UMUNSI MPUZAMAHANGA W'UBUSIZI 2022

Tariki 21 Werurwe u Rwanda ruzifatanya n'isi yose kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Ubusizi. Ni umunsi washyizweho n'Inama Rusange y'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Burezi, Ubumenyi n'Umuco (UNESCO) mu Gushyingo 1999; ukaba ari umunsi washyiriweho rimwe n'Umunsi Mpuzamahanga w'Ururimi Kavukire. Icyari kigamijwe ni ugusigasira indimi kubera ko byagaragaye ko hari izagendaga zicika kandi zihatse ubumenyi butandukanye; bityo ururimi rukaba rugomba kwitabwaho no gutezwa imbere.

Intego yo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Ubusizi ni ukuzirikana iyi ngeri y'ubuvanganzo ikubiyemo ubukungu bw'ururimi n'umuco by'abatuye isi. Kwizihiza uyu Munsi ni inzira yo gushyigikira urusobe rw'indimi mu busizi no kongerera indimi nkendero amahirwe yo kwitabwaho. Mu kwizihiza uyu Munsi kandi hibukwa abasizi n'uruhererekane nyemvugo rukubiye mu bisigo. Ni uburyo rero bwo guteza imbere kwiga, gusoma, kwandika no guhimba ibisigo.

Mu Rwanda, Umunsi Mpuzamahanga w'Ubusizi uzizihizwa ku nsanganyamatsiko igira iti: **"Tubungabunge ubusizi, ingobyi y'umurage w'u Rwanda"**. Ibi bikaba biganisha ku kuzirikana uko ubusizi bwabaye kuva kera ububiko bw'amateka n'umuco by'Abanyarwanda, bukaba n'irembo ryo gukungahaza ururimi. Mu rwego rwo gusigasira ururimi kavukire nanone, ubusizi ni ubuvanganzo buboneza ku buryo bw'intangarugero imikoreshereze y'ururimi, haba mu nyandiko cyangwa mu mivugire.

Iyo twizihiza uyu Munsi rero, tuba tugamije kwigira hamwe uko ubu bukungu mbonezarurimi bugomba gusigasirwa.

Mu mateka y'ubuvanganzo nyarwanda, ubusizi bufite umwanya w'ingenzi kuko ari ububiko bw'amateka y'u Rwanda n'imitegekere y'Igihugu byagiye bihererekanywa. Burimo imigenzo ndangamuco y'Abanyarwanda n'indangagaciro zawo, ibitekerezo bya poritiki, umubano w'abantu, amarangamutima yabo n'ibindi.

Ibisigo rero ni ubuvanganzo buhambaye Abanyarwanda bakubiyemo ibigize umuco wabo n'amateka bigenda bihererekanywa uko amasekuruza asimbura ayandi, ndetse bimwe bigera aho binashyirwa mu nyandiko. Ubu buvanganzo nubwo bwigeze gukomwa mu nkokora n'imiraba y'iminsi bwarakomeje ku buryo na n'ubu imivugo ihimbwa ikigaragaza ubwiza bw'iyo nganzo.

Ubusizi ni ubuvanganzo nyakuri bufite icyo buvuga bukagira inzira bunyuramo y'isesekazamutima mu buryo bunogeye amatwi. Ubusizi bukesha ururimi bukanarukungahaza ku mvugo inoze no ku magambo. Ni bwo bwakomeje kuba urwitegererezo rw'ubuvanganzo kuko ari ingeri yari yitaweho cyane. Ubusizi bwari rumwe mu nzego z'ubwami. Buri mu rwego ruhambaye rw'ubuvanganzo bwo mu murage gakondo.

Uyu mwaka Umunsi Mpuzamahanga w'Ubusizi uzizihizwa mu buryo bw'igitaramo gikubiyemo ibihangano biri mu nzira y'ubusizi, ikiganiro n'ubutumwa bw'abayobozi, ndetse no guhemba abanyeshuri bo muri kaminuza bahize abandi mu marushanwa yo guhimba imivugo yakoreshejwe n'Inteko y'Umuco mu bikorwa byo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Ururimi Kavukire 2022. Ni igitaramo kizabera ku ngoro y'Ubuhanzi n'Ubugeni iherereye i Kanombe mu Karere ka Kicukiro ku wa 21 Werurwe 2022 kuva saa kumi n'imwe n'iminota mirongo itatu kugeza saa mbiri n'iminota cumi n'itanu (17H30' -20H15'). Iki gitaramo cyateguwe ku bufatanye n'inzego zitandukanye zirimo Minisiteri y'Urubyiruko n'Umuco na Komisiyo y'Igihugu ikorana na UNESCO.

Muri iki gitaramo hazanamurikwa ibitabo ku busizi mu Rwanda byatangajwe by'umwihariko n'Inteko y'Umuco n'ibigo byahoze bifite inshingano yo kubungabunga ururimi rw'Ikinyarwanda (INRS, IRST...).

Bikorewe i Huye ku wa 17 Werurwe 2022

**Amb. Robert MASOZERA**

**INTEBE Y'INTEKO**